Ibibazo n'ibisubizo ku kongera gufungura

- Ese ifasi y'amashuri iracyari kuvuga ku byerekeye kugarura abanyeshuri bava kuri 50 kugeza ku 100 bakeneye ubufasha cyane kuri buri shuri bitarenze tariki ya 1 Gashyantare? Yego.

- Ni nde ufatwa nk'ukeneye ubufasha cyane? Ni gute abanyeshuri batoranywa n'abayobozi b'amashuri? Abanyeshuri bakeneye ubufasha cyane batoranyijwe kugira ngo basubire kwigira mu mashuri bari gushakishwa n'abayobozi b'amashuri hashingiwe ku makuru, inama ya mwarimu n'ibyo ababyeyi bakunda.

- Iyo miryango yarahamagawe? Yego. Iki gikorwa kiracyakorwa.

- Hari igitekerezo cy'uko abakeneye ubufasha cyane bangana mu ifasi y'amashuri yose? Bazajya bajyayo iminsi itanu mu cyumweru?
- Abo banyeshuri bari muri gahunda z'amashuri ku rubuga rwacu; kuva kuri 50 kugera kuri 100 kandi hanarimo abanyeshuri bagaragajwe mbere ko bagaruka ku ishuri tariki ya 1 Gashyantare. Kugeza ubu, bazajya biga iminsi 5.

- Abanyeshuri bose biga mu myaka y'incuke kugeza mu wa 2 basabwa kugaruka ku ishuri mu cyiciro cya mbere? Yego.

- ESE abanyeshuri bakuru bose basabwa kugaruka ku ishuri tariki ya 1 Gashyantare? Yego.

- Kubera iki ayo matsinda abiri ari yo yatoranyijwe gusubira ku ishuri bwa mbere?
- Abiga mu mashuri yo mu myaka yo hejuru hashingiwe ku kuba batararangije umwaka w'amashuri y'abato umwaka ushize kandi bakeneye kwitegura guhabwa impamyabumenyi no kujya muri koleje uyu mwaka.
- Abiga mu mashuri y'incuke kugeza mu wa 2 hashingiwe ku kuba ubushakashatsi bwerekana ko imyaka ya mbere ituma umunyeshuri yitwara mu buryo butandukanye mu bice bitandukanye by'imikurire, yaba mu burezi n'imibanire/amarangamutima.

- Ese abo banyeshuri baziga mu buryo bukomatanyije? Uzi uko bizaba bimeze? Abiga mu mashuri y'incuke kugeza mu wa 2 bazatangira biga iminsi ibiri. Itsinda rya A Ku wa Mbere/Ku wa Kabiri Itsinda rya B Ku wa Kane/Ku wa Gatanu Ku wa gatatu ukaba ari umunsi wo kwiga hakoreshejwe iyakure.

- Ni ryari abo banyeshuri n'ababyeyi bahamagawe kugira ngo bafate icyemezo niba bifuza kugaruka? Biracyakorwa kandi bizakomeza uko abanyeshuri bagenda bashyirwa mu byiciro.

- Ibyiciro bikurikira biba birimo intera y'icyumweru kimwe kugeza kuri bibiri kugeza muri Werurwe hagati, si byo?
- Bitewe na siyansi, gupima n'ibyo twakwigira mu Cyiciro cya 1.

- Ese ibyo byiciro bizakorwa hashingiwe ku myaka?
- Birashoboka ko byakorwa hashingiwe ku myaka n'Amatsinda yo ku ishuri (SBTs).

- Intego yo kugera kuri buri mubyeyi urerera muri ifasi y'amashuri muri Mutarama yo kumubaza niba yifuza ko umwana we asubira ku ishuri cyangwa atazasubirayo yagezweho? Yego. Hakoreshejwe amatsinda ya SBTs.
- Ibyerekeye gupima bimeze bite? Igikorwa cyo gupimwa no kubona uburenganzira butangwa n'ababyeyi cyaratangiye? Biri gukorwa biyoboye no ku bufatanye n'abagize Akanama ngishwanama ku buzima (HAC) harimo Umuganga Mukuru Dr. Dennis Kuo Dr. na Dr. Tonja Williams.